



Japan International
Cooperation Agency

RWANDA ECOPD NEWS

June 2011, Vol.1



Rwanda Demobilization
and Reintegration
Commission

Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of Ex-Combatants and Other People with Disabilities

Umushinga wo gutanga ubumennyi n' ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze ari abasirikare n' abandi bafite ubumuga kwihangira imirimo

TRAINING TOGETHER – Ex-Combatants and Other People with Disabilities

KWIGIRA HAMWE KWINGABO ZASEZEREWU ZIFITE UBUMUGA N'ABANDI BATURAGE BAFITE UBUMUGA



THE Armed Conflict and 1994 Genocide left behind many people with disabilities. In the spirit of fostering “Unity and Reconciliation” within the communities, the Government of Rwanda is embarking on community based reintegration approach which would allow the Ex-Combatants and Other People with Disabilities to achieve self sustenance opportunities through skills training together. JICA, with RDRC and other Rwandese Institutions, started in 2005 a technical cooperation project in training ex-combatants with disabilities for reintegration, and this year launched “ECOPD Project”.

Up to June 2011, 275 ex-combatants and other people with disabilities are participating together in 4 training centres (VTC Nyanza, Rwabuye, Kibali and Rwanda Union of the Blinds).

INTAMBARA na Jenoside y'abatutsi byabaye mu mwaka wa 1994 byatumye habaho abantu benshi bafite ubumuga. Mu rwego rwo guteza imbere "ubumwe n'ubwiyunge" mu Banyarwanda, Leta y'u Rwanda yatangiye igikorwa cyo gusubiza mu buzima

busanzwe ingabo zasezerewe bafite ubumuga n'abandi baturage bafite ubumuga ibaha amahugurwa bari hamwe, akazabafasha kugira ubumenyi n'ubushobozi. Ikigo cy'igihugu cy'Ubuyapani kigamije iterambere mpuzamahanga (JICA) gifatanyije na Komisiyo yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC) hamwe n'indi miryango n'inzego za Leta, kuva mu mwaka wa 2005 batangiye umushinga w'ubufatanye mu kwigisha imyuga abahoze ari abasirikare bamugariye ku rugamba. Ni muri urwo rwego umushinga ECOPD nawo watangiye mu mwaka wa 2011.

Kugeza mu kwezi kwa Kamena 2011, abantu 275 bahoze ari abasirikare n'abandi baturage bafite ubumuga barimo kwigishirizwa mu bigo 4 byigisha imyuga ari byo bya Rwabuye, Nyanza, Kibali no mukigo cy'abatabona i Masaka.

Initiative of Training Centres to promote participation of people with disabilities

Ibyakozwe n'ibigo byigisha imyuga mu rwego rwo gufasha abantu bafite ubumuga kwiga



Before and after barrier-free construction in VTC Nyanza
Mbere na nyuma yo kuvanaho nzitizi ku bafite ubumuga



VTC Nyanza and Rwabuye are now embarking on barrier-free construction for their own resources. VTC Nyanza finished the barrier-free to fill the gap of the entrance of a class, at the same time, VTC Rwabuye creates toilet for trainees with disabilities. Both VTCs realized it, using experience and knowledge obtained from JICA cooperation, by teachers of masonry courses and trainees.

IBIGO byigisha imyuga bya Rwabuye na Nyanza byatangiye kuvanaho inzitizi ku nyubako zabyo zibangamira abafite ubumuga bikoresheje umutungo wabyo. Ikigo cya Nyanza cyarangije kuvanaho inzitizi z'ahantu abanyeshuri banyura bajya cyangwa se bava mu mashuri, naho ikigo cya Rwabuye cyubatse imisarani igenewe abantu bafite ubumuga. Iby bigo byombi byigisha imyuga byavanyeho izo nzitizi, bitewe n'ubumenyi

n'ubunararibonye byahawe abarimu n'abanyeshuri bize amasomo y'ubwubatsi mu gihe cy'umushinga wa mbere w'ubufatanye watewe inkunga na JICA.



Toilet without slope and new toilet for disabilities in VTC Rwabuye
Umusarani ufite Ingazi n'umusarani ugenewe abanyeshuri bafite Ubumuga yubatswe mu kigo cyigisha imyuga cya Rwabuye.



Seminar and survey for categorized ex-combatants with disabilities
Inama n'ubushakashatsi byakorewe ku bantu bahoze ari abasirikare bamugariye ku rugamba bashyizwe mu byiciro



ECOPD and RDRC implemented seminar and survey on skills training from 6th and 9th June in 15 districts for categorized ex-combatants with disabilities. 871 ex-combatants participated and listened to the explanation about importance of skills training and job obtainment, and success stories of ex-trainees on cooperative activities.

KUVA tariki ya 6 kugeza ku ya 9 Kamena 2011, umushinga ECOPD ufatanyije na Komisiyo yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe (RDRC) bakoresheje inama hamwe n'ubushakashatsi mu Turere 15 ku bantu bahoze ari abasirikare bamugariye ku rugamba. Abantu bagera kuri 871 basobanuriwe akamaro k'amasomo y'imyuga abateganyirijwe no kwihangira imirimo, bamwe mu bigishijwe mu

cyiciro cy'amahugurwa yabaye mbere nabo basobanurira bagenzi babo bazigishwa ibyiza bagezeho kubera ayo mahugurwa birimo no kwishyira hamwe mu makoperative.

Success Story of ex-trainees with disabilities

Ibikorwa byiza byagezweho n'abantu bafite ubumuga bigishijwe mu cyiciro cya mbere cy'amahugurwa

Fidel's business and new house / *Ubucuruzi n'inzu nshya ya Fideli*



Mr. Fidel, after demobilization, participated in the electric training course in 2007. He has left-arm and leg paralyzed and did not have sufficient money to go to screening in the training centre. However, he was so motivated to get job to sustain his family, went to screening, borrowed transport fee from his friend. After training, he created repairing shop for mobile phone and other appliance. Now his business is going very well, obtaining the confidence from his clients in the community and constructing his new house and shop. He is very proud of what he has been doing and ambitious to develop his business more and more.

Nyuma yo gusezererwa mu ngabo, Bwana Fideli wamugaye akaboko k'ibumoso akamugara n'akaguru yakurikiye amahugurwa mu bijyanye na electronic n'amashanyarazi mu mwaka wa 2007. Arangije kwiga, yifuje gukora umwuga wo gukora ibyuma bya Televiziyo, telephone zigendanwa n'ibindi bikoreshwa n'amashanyarazi kugirango abashe gutunga umuryango we. Ariko bitewe n'uko nta mafaranga yari afite, yayagujije mugenzi we. Nyuma yatangiye gukora akazi ko gusana za telephone zigendanwa n'ibindi bikoresho. Ubungubu, ubwo bucuruzi bwe buragenda neza, byatumye yigirira icyizere n'abakiriya be barakimugirira. Yabashije kandi no kwiyubakira inzu nshya atuyemo ndetse n'aho azakorera. Yashimishijwe cyane n'amahugurwa yahawe, arifuza kandi no kuzarushaho guteza imbere ako akazi ke.